Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze igitambo cy'intama ebyiri z'isekurume z'umweru zifite amahembe, Izibagira ubwayo n'amaboko yayo, ivuga izina rya Allah ndetse inavuga Allah Akbar (TAKBIR), ishyira ukuguru kwayo ku misaya yazo

Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yatanze igitambo cy'intama ebyiri z'isekurume z'umweru zifite amahembe, Izibagira ubwayo n'amaboko yayo, ivuga izina rya Allah ndetse inavuga Allah Akbar (TAKBIR), ishyira ukuguru kwayo ku misaya yazo.

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Anas (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ku munsi w'irayidi yibagiye ubwayo intama ebyiri z'umweru uvanze n'umukara zifite amahembe, ndetse iranavuga iti: BISMILLAH (Ku izina rya Allah), inavuga ALLAH AKBAR (Allah asumba byose), ndetse inashyira ukuguru kwayo ku majosi yazo.

http://sunnah.global/hadeeth/rw/show/2971